


URUKIKO RWISUMBUYE RWA GASABO .**ICYEMEZO GITEGEKA KWITABA URUKIKO UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA**

Urukiko rwisumbuye, rumaze kubona ko HAKIZIMANA Patrick mwene SEBURIRI Jean Pierre na KIZAMATESO Jacqueline utuye mu Mudugudu wa Rweteto, Akagari ka Kabuye, Umurenge wa Gashora, Akarere ka Bugesera, Intara y'Iburasirazuba, akaba akurikiranwe nk' uwihishe ubutabera .

Urukiko rushingiye ku ngingo 160 y'Itegeko N° 27/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, ku byerekeye Ukurikiranywe ry' uwihishe cyangwa watorotse ubutabera, iteganya ko Iyo ukurikiranyweho icyaha atashoboye gufatwa kuko yihishe cyangwa yatorotse ubutabera, yaba ari mu Rwanda cyangwa se mu mahanga Ubushinjacyaha bumukorera dosiye bukayishyikiriza Urukiko rubifitiye ububasha n'ubwo yaba atarabajijwe.

Igika cya kabiri cy' iyi ngingo giteganya ko nyuma yo gushyikirizwa dosiye, Urukiko rufata icyemezo kimutegeka kwitaba mu gihe cy'ukwezi, atakwitaba, hakemezwa ko yasuzuguye amategeko.

Rumaze kubona ko ubushinjacyaha bwaregeye Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo burega HAKIZIMANA Patrick nk' uwatorotse ubutabera aregwa icyaha cyo gusambanya umwana.

Rutegetse ko HAKIZIMANA Patrick azitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo kuwa 21/04/2022 saa mbili za mu gitondo kuburana mu rubanza RP 01512/2020/TGI/GSBO .

Rutegetse ko iki cyemezo gishyirwa ku rubuga rw'ubutegetsi bw'ubucamanza www.judiciary.gov.rw no ku mbuga nkoranyambaga arizo@Rwanda Judiciary(Tweeter)na Supreme court of Rwanda (Facebook)

NI UKO RUBITEGETSE NONE KUWA 18/03 /2022 .

UMUCAMANZA

MUKANTABANA Consolee



UMWANDITSI

SEBWIZA Vital